**INTARA Y'AMAJYEPFO**

**AKARERE KA MUHANGA**

**UMWAKA W'AMASHURI 2025-2026**

**UMWAKA WA KABIRI**

**IKICIRO RUSANGE**

**IGIHEMBWE CYA 2**

**IKIZAMI K'IKINYARWANDA IGIHEMBWE CYA II. /AMANOTA 100**

**Amasaha 3.**

**AMAZINA:..........................................................................................**

**<u>AMABWIRIZA:</u>**

**Iki kizamini kigizwe n'ibice bine.**

**I.**kumva no gusengura umwandiko**(amanita 25)**

**II.**Ikibonezamvugo **(Amanota 30)**

**III.**Ubumenyi rusange bw'ururimi **( amanota 30)**

**IV.**Ihangamwandiko **( amanota 15)**

**-**Tanga ibisubizo bifututse kandi bidatera urujijo.

-Irinde gusiribanga kandi wandike umukono usomeka.

-subiriza mu mwanya wabugenewe gusa.

-koresha ikaramu y'ubururu gusa.

**-Ntufungure utabiherewe uburenganzira.**

**Umwandiko: Bimwe mu biranga umuco nyarwanda.**

Umuco nyarwanda ugizwe n'urusobe rw'ibintu byinshi. Twavuga nk'ururimi ari na rwo ngobyi yawo, imigenzo n'imihango, imitekerereze n'imyemerere tutibagiwe n'imibereho y'Abanyarwanda ya buri munsi. Mu bigize ururimi, ubuvanganzo bwo muri rubanda ni bwo bisanzuriramo ku buryo busesuye, mu ngeri zabwo zinyuranye nk'imigani migufi, imigani miremire, ibisakuzo, insigamigani, indirimbo, imbyino, ibihozo, ibitekerezo byo muri rubanda n'ahandi.

Mu mihango inyuranye, usanga bazobereye mu gukesha imvugo nko mu misango y'ubukwe aho usanga basa n'abacyocyorana; nk'umusaza usabwa umugeni akihorera ati: "Umukobwa wacu yagiye mu kibikira", ubundi ati: "Mu bo mwazanye harimo uwaduhemukiye" n'ibindi. Usaba iyo atari inararibonye akahasebera kuhikura bikagomba abunganizi. Usaba iyo ari umuhanga hari ubwo agira ati: "Biri amahire n'ubundi n'umusore wacu akubutse mu gifurere", akungamo ati: "Ubwo rero 'ibisa birasabirana', n'ubundi naje nzi ko ari ukwisanga."

Iyo bajya kwemera bazana agakobwa k'inshuke bati: "Umugeni wadusabye ni uyu". Undi na we akaba yagira ati: "Nshimye ko muri ba maboko atanga ataziganya", agashima ko ari uje gutinyisha. Hari n'ubwo bazana agakecuru kashizemo amenyo 100 bati: "Ni uyu". Barakomeza bakagoragoza ariko amaherezo bakemera. Gusa akagira ati: "Umwana wacu ni Mutumwinka cyangwa Mukobwajana n'ayandi mazina menshi agusha ku nka. Abashyitsi bose bari aho amashyi ngo: "kacikaci"!

Inka yagiraga uruhare mu gukwa no mu buzima bw'Abanyarwanda igahabwa agaciro kurusha andi matungo. Umuco wo guhana abageni wajyanaga no guhana inka. Umuntu yahaga undi inka bakaba inshuti zikomeye ndetse uwagabiwe akajya yirahira shebuja. Uwavuga ku nka rero ntiyabura kwibutsa ko Abanyarwanda ari intyoza mu gukoresha ikeshamvugo ku nka n'amata yayo tutibagiwe n'ibikoresho bikoreshwa nk'igisabo, icyansi n'ibindi. Mu kuvuga ibyerekeye ku nka agakoresha imvugo ya gihanga ikoresha amagambo arobanuye atari aya rubanda rwa giseseka.

<u>**I. IGICE CYA MBERE/ Amanota 25**</u>

**A. Ibibazo byo kumva umwandiko (amanota 10)**

**Hitamo igisubizo nyacyo ugendeye ku mwandiko**

**1. Umuco nyarwanda ugizwe n'iki?**
A. Ikintu kimwe gusa
B. Urusobe rw'ibintu byinshi

C. Indirimbo gusa
D. Inka gusa

**2. Ni iki cyitwa ingobyi y'umuco nyarwanda?**
A. Inka
B. Imihango
C. Ururimi
D. Imbyino

**3. Ni iki Abanyarwanda bisanzuriramo cyane mu rurimi?**
A. Amategeko
B. Ubuvanganzo bwo muri rubanda
C. Ubucuruzi
D. Politiki

**4. Mu mihango y'ubukwe, Abanyarwanda bakoresha iki cyane?**
A. Intambara
B. Gukesha imvugo
C. Kuririmba gusa
D. Gukina imikino

**5. Iyo bajya kwemera umugeni, bashobora kuzana nde babanza?**
A. Umugeni nyawe
B. Umuhungu
C. Agakobwa k'inshuke cyangwa agakecuru
D. Umwami

**6. Inka yagiraga uruhe ruhare mu buzima bw'Abanyarwanda?**
A. Nta ruhare yari ifite
B. Yagiraga uruhare rukomeye mu gukwa no mu buzima rusange
C. Yakoreshwaga mu mirwano gusa
D. Yari iy'abana gusa

**7. Umuco wo guhana abageni wajyanaga no guhana iki?**
A. Amafaranga
B. Ibitoki
C. Inka
D. Imyambaro

**8. Ubuvanganzo bwo muri rubanda burimo iki muri ibi bikurikira?**
A. Ibisakuzo
B. Amategeko
C. Amabwiriza
D. Raporo

**9. Uwahawe inka yagombaga gukora iki?**
A. Kuyigurisha ako kanya
B. Kuyirya
C. Kwirahira shebuja
D. Kuyijugunya

**10. Mu kuvuga iby'inka bakoreshaga imvugo imeze ite?**
A. Isanzwe ya buri munsi
B. Yuzuye ibitutsi
C. Ya gihanga ikoresha amagambo arobanuye
D. Y'amahanga

11) **Ibibazo byo guhuza** bishingiye ku mwandiko:(**Amanota 5)**

| **A** | **B** |
|---|---|
| | a. Gukesha imvugo no gucyocyorana |
| 1. Ururimi | b. Ingobyi y'umuco |
| 2. Ubuvanganzo bwo muri rubanda | c. Kimwe mu bigize ubuvanganzo |
| 3. Inka | d. Yagiraga uruhare mu gukwa |
| 4. Imihango y'ubukwe | e. Aho Abanyarwanda bisanzuriraga cyane |
| 5. Ibisakuzo | |

**1…………. 2…………….. 3………….. 4……………… 5………….**

**12. Ibibazo byo kuzurisha amagambo akuwe mu mwandiko(amanota 5)**

**Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo akubiye mu mwandiko:**

1. Umuco nyarwanda ugizwe n'urusobe rw'__________________________ byinshi.
2. Mu bigize ururimi, ________________________ bwo muri rubanda ni bwo bisanzuriramo ku buryo busesuye.
3. Mu misango y'____________________________, usanga abazobereye mu gukesha imvugo.
4. Umuco wo guhana abageni wajyanaga no guhana __________________________.
5. Mu kuvuga ibyerekeye ku nka bakoreshaga imvugo ya ______________________.

**13. Subiza "Nibyo" cyangwa "Sibyo"(Amanota 5)**

1. Umuco nyarwanda ugizwe n'ururimi gusa……………………………………
2. Ubuvanganzo bwo muri rubanda bugaragaramo imigani, ibisakuzo n'indirimbo…….
3. Mu misango y'ubukwe ntibakoreshaga imvugo zisanzwe………….
4. Inka zagiraga uruhare rukomeye mu gukwa no mu buzima bw'Abanyarwanda…..
5. Abanyarwanda ntibari intyoza mu gukoresha imvugo ku nka n'amata yayo……

## IGICE CYA II: IKIBONEZAMVUGO

## II. IKIBONEZAMVUGO /AMANOTA 30

### 14)Hitamo uturemajambo nyatwo kuri buri nshinga. /amanota 5

a. Twese duhitemo **gukoresha** ukuri.

A. Gu-kor-ish-a
B. Ku-kor-esh-a
C. Ku-kor-ish-a
D. Ku-kor-isha

b. Uyu mwana akunda **gusetsa** abantu.

A. Ku-sek-y-a
B. Ku-sets-y-a
C. Ku sek-ya
D. Gu-sek-y-a

c. **Kugendesha** ibirenge mu mabuye ngo bivura imitsi.

A. Ku-gend -esh-a
B. Ku-gendesh-a
C. Ku-gend-esha
D. Ku-gend-ish-a

d. Umubyeyi utwite agomba **kurya** indyo yuzuye buri gihe.

A. Ku-ri-a
B. Ku-ry-a
C. Ku-rya-a
D. Ku-r-y-a

e. Ntuzongere **kuvugana** ibiryo mu kanwa.

A. Ku-vug-a-an-a
B. Ku-vug-an-a
C. Ku-vugan-a
D. Ku-Φ-vug-an-a

**15.Subiza ukoresheje NIBYO cyangwa SIBYO ku nteruro zikurikira./amanota 5**

a. Ibihe bikuru by'inshinga mu Kinyarwanda ni bitatu. ………………………

b. Amoko y'inshinga mu Kinyarwanda ni: inshinga itondaguye n'inshinga idatondaguye. …………………..

c. uturemajambo tw'imbundo dushobora kurenga dutatu………………

d. Kugira ngo umenye umuzi w'inshinga ngufi ufata iyo nshinga ukayitondagura mu mpitakare……………….

e. Mu ihangamwandiko, igika ntikigomba kurenza ingingo imwe…………………

**16)Garagaza ubwoko bw'amagambo atsindagiye mu ibara ry'umukara.(amanota6)**

**a)** I**<u>cyanya</u>** cy'Akagera ni **<u>kigari</u>** **<u>cyane</u>** kirisanzuye**.**

**b**)**Mu bindi** bihugu habamo indimi **nyinshi**

a) **Icyanya………………………………………………………………………**

**Kigari…………………………………………………………………………….**

**Cyane……………………………………………………………………………**

b) **mu…………………………………………………………………………**

**bindi………………………………………………………………………**

**Nyinshi………………………………………………………………………**

**17) Su biza "yego" cyangwa "Oya"** (**amanota 4)**

a) Inshinga zisanzwe zirimo amoko abiri (Iziri mu mbundo n'inshinga zitondaguye).

b) Iri jambo umusururu riri mu nteko ya 1.

c) Imbundo igira uturemajambo tw'ibanze tune (indanganshinga, indangagihe ,umuzi n'umusozo)

d) Imbundo ihora iteka mu nteko ya 15

18) **. Subiza: Yego cyangwa Oya ( amanota 5)**

1.Ikinyazina nyereka gishobora gusimbura izina kandi kikagira umumaro nk'uw'iryo zina……….

2.Ibinyazina nyereka byo mu kiciro cya mbere bigira **igicumbi –no**………….

3.**"Kino"** ni ikinyazina nyereka cyo mu kiciro cya kabiri…………………….

4.Ikinyazina mbanziriza gihora kibanziriza inshinga…………………………

5.Ikinyazina mbanziriza gishobora kubanziriza izina………………………….

**19. Ibibazo ku ikeshamvugo (Subiza: Yego cyangwa Oya)/(amanota 5)**

1.Ikeshamvugo ni uburyo bwo gukoresha amagambo yabugenewe mu kunoza imvugo…………

2.Kuvuga "amata yasutswe" ni byo mu ikeshamvugo……………………….

3."Kuyabuganiza" ni imvugo ikoreshwa ku mata……………………………

3."Inkungu" ni inka itagira amahembe……………………………………….

4."Umuhondo" ni amata y'inka ikibyara……………………………………..

5."Gukamwa menshi" ni imvugo iboneye ikoreshwa igihe inka ikamwa amata menshi………………..

**IGICE CYA GATATU :UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)**

**20)Uzurisha ijambo rikwiriye ukurikije ubumenyi ufite kuri izi nyunguramagambo(imbusane,impuzashusho, ingwizanyito,impuzanyito): (Umuhanzi amanota 4)**

a. **umuhanzi, umuhimbyi** ni …………………………………………………

b. **Gutinda**, **kubanguka** ni ………………………………………

c. **Gutera**(ipasi),**gutera**(ibishyimbo), **gutera**(inogo), **gutera** (urwenya)

ni ……………………………………

d. **Gukata** (inka), **gukata**(icyondo) ni ……………………………………

**21) Huza ubusobanuro n'imigani y'imigenurano bijyanye(amanota5)**

a))iminsi uyiteganyiriza hakiri kare ugishoboye Ibintu wazigamye bikazagutunga utagishoboye Gukora.

b)Ntawukwiye kwishimira ibyago by'undi naho yaba umwanzi nawe byamubaho

c)umurimo udakora wibwira ko woroshye, ugaya abawukora ngo ntacyo bamaze kandi ubakomereye.

d)Ntawukwiye kwiheba burundu kubera ibibazo ahuye na byo kuko bishoboraguhinduka mu kanya gato agahembuka.

i)Ntawuvuma iritararenga

ii)utabusya abwita ubumera.

iii)akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure

iv)inkoni ikubise mukeba Uyiranza urugo.

a........................., b...................., c............................, d.....................

22) Wifashishije amaganbo wahawe ,tanga amazina ayakomokaho ukurikije inzira wahawe**.(amanota 5)**

a) **izuba**(ikomorazina rishingiye ku kwisubiramo kw'igicumbi)..................................................

b**) Umworo**(ikomorazina rishingiye ku nteko)...................................................................

c) I**hene**(ikomorazina rishingiye ku kabimbura).................................................................

d) **Umwami**( ikomorazina rishingiye ku musuma)...........................................................

e) Umugisha( ikomorazina rishingiya ku ndomo)............................................................

**23) Ica ibi bisakuzo bikurikira (amanota4)**

a) Mpagaze mu gahinga mpenera ab'epfo……………………………………………….

b)Abana bange ndabasasira ntibaryama……………………………………………………

c)Nagutera icyambuka uruzi kitagira amaguru……………………………………………….

d)Ngeze mu ishyamba rimpa umwezi…………………………………………………..

24) a) Ibiganiro nyungurana bitekerezo ni iki?(**amanota2)**
……………………………………………………………………………………………………………………………………………

. ……………………………………………………………………………………………………………………………………….

……………………………………………………………………………………………………………………………………….

……….. ……………………………………………………………………………………………………………………………

……………………… ……………………………………………………………………………………………………………

………………………………………………………………………………………………………………………………………

**25)Simbuza amagambo aciyeho akarongo amagambo yabugenewe( amanota5. )**

a)Iwacu dufite **<u>ihene n'intama nyinshi</u>** ku buryo twaziburiye **<u>igisambu</u>**

cyo kurishamo kuko aho dufite ari aho kuragira **<u>inka nyinshi</u>** zacu.

………………………………………………………………………………………………………. ……. ……………….

………………………………………………………………………………………………………………………………………

b)Ntidukwiye kumva **<u>impongo ivuga</u>** ngo twikange cyangwa **<u>imbeba zivugira</u>** ku rubariro.
………………………………………………………………………………………………………………………………………

………………………………………………………………………………………………………………………………………

26) 15. **UZUZA IYI MIGANI** ( **Amanota5)**

1.Igiti kimwe si……………….
……………………………………………………………………………………………………………

2. …………………………………………………………………… ntiyanze no kubona.

3.igiti kigororwa ...................................................................................................................

4.uwanze kumvira se na nyina ...........................................................................................

5...................................... ....................................... ntigahungabanywa n'umuyaga.

**IGICE CYA KANE:IHINAMWANDIKO/ amanota 15**

27) Hina umwandiko''**Bimwe mu biranga umuco nyarwanda''** mu mirongo icumi wubahiriza amabwiriza y'ihinamwandiko.

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

..........................................................................................................................................

AMAHIRWE MASA!!!!!!!!!!!!!!